



Umwaka wa 63
Igazeti ya Leta n° Idasanzwe
yo ku wa 31/01/2024

Year 63
Official Gazette n° Special of
31/01/2024

63^{ème} Année
Journal Officiel n° Spécial du
31/01/2024

Ibirimo/Summary/Sommaire

page/urup.

A. Iteka rya Minisitiri w'Intebe/ Prime Minister's Order / Arrêté du Premier Ministre

Iteka rya Minisitiri w'Intebe n° 001/03 ryo ku wa 30/01/2024 ryerekeye ubutaka bw'ibishanga	2
Prime Minister's Order n° 001/03 of 30/01/2024 relating to swamplands.....	2
Arrêté du Premier Ministre n° 001/03 du 30/01/2024 relatif aux terres de marais	2

B. Iteka rya Minisitiri/ Ministerial Order / Arrêté Ministériel

Iteka rya Minisitiri n° 001/MOJ/AG/24 ryo ku wa 30/01/2024 rishyiraho Abahesha b'Inkiko b'Umwuga.....	104
Ministerial Order n° 001/MOJ/AG/24 of 30/01/2024 appointing Professional Bailiffs.....	104
Arrêté Ministériel n° 001/MOJ/AG/24 du 30/01/2024 portant nomination des Huissiers de Justice Professionnels.....	104

<p>ITEKA RYA MINISITIRI W'INTEBE N° 001/03 RYO KU WA 30/01/2024 RYEREKEYE UBUTAKA BW'IBISHANGA</p>	<p>PRIME MINISTER'S ORDER N° 001/03 OF 30/01/2024 RELATING TO SWAMPLANDS</p>	<p>ARRÊTÉ DU PREMIER MINISTRE N° 001/03 DU 30/01/2024 RELATIF AUX TERRES DE MARAIS</p>
<p><u>ISHAKIRO</u></p>	<p><u>TABLE OF CONTENTS</u></p>	<p><u>TABLE DES MATIÈRES</u></p>
<p><u>UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE</u></p>	<p><u>CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS</u></p>	<p><u>CHAPITRE PREMIER : DISPOSITIONS GÉNÉRALES</u></p>
<p><u>Ingingo ya mbere: Icyo iri teka rigamije</u></p>	<p><u>Article One: Purpose of this Order</u></p>	<p><u>Article premier : Objet du présent arrêté</u></p>
<p><u>Ingingo ya 2: Isobanura</u></p>	<p><u>Article 2: Interpretation</u></p>	<p><u>Article 2 : Interprétation</u></p>
<p><u>Ingingo ya 3: Urutonde rw'ubutaka bw'ibishanga, imiterere yabwo, aho buherereye n'iyandikwa ryabwo</u></p>	<p><u>Article 3: List of swamplands, their classification, location and registration</u></p>	<p><u>Article 3 : Liste des terres de marais, leur classification, leur localisation et leur enregistrement</u></p>
<p><u>Ingingo ya 4: Urwego rushinzwe gucunga ubutaka bw'ibishanga</u></p>	<p><u>Article 4: Authority in charge of management of swamplands</u></p>	<p><u>Article 4 : Autorité chargée de la gestion des terres de marais</u></p>
<p><u>UMUTWE WA II: IMICUNGIRE Y'UBUTAKA BW'IBISHANGA BIDAKOMYE</u></p>	<p><u>CHAPTER II: MANAGEMENT OF UNPROTECTED SWAMPLANDS</u></p>	<p><u>CHAPITRE II : GESTION DES TERRES DE MARAIS NON PROTÉGÉS</u></p>
<p><u>Ingingo ya 5: Ibikorwa byemewe gukorerwa ku butaka bw'ibishanga bidakomye</u></p>	<p><u>Article 5: Authorised activities to be carried out on unprotected swamplands</u></p>	<p><u>Article 5 : Activités autorisées à être développées sur les terres de marais non protégés</u></p>
<p><u>Ingingo ya 6: Gahunda yo kubyaza</u></p>	<p><u>Article 6: Plan of exploitation of</u></p>	<p><u>Article 6 : Plan d'exploitation des terres de</u></p>

<p>umusaruro ubutaka bw'ibishanga bidakomye</p> <p><u>Ingingo ya 7:</u> Gutiza ubutaka bw'ibishanga bidakomye</p> <p><u>Ingingo ya 8:</u> Ibigenderwaho mu gutiza ubutaka bw'igishanga kidakomye</p> <p><u>Ingingo ya 9:</u> Ibisabwa mu gutiza ubutaka bw'igishanga kidakomye</p> <p><u>Ingingo ya 10:</u> Igihe gutizwa ubutaka bw'igishanga kidakomye bimara</p> <p><u>Ingingo ya 11:</u> Kwandikisha intizo y'ubutaka bw'igishanga kidakomye</p> <p><u>Ingingo ya 12:</u> Agaciro k'icyemezo cyo kwandikisha intizo</p> <p><u>Ingingo ya 13:</u> Inshingano z'uwatijwe ubutaka bw'igishanga kidakomye</p> <p><u>Ingingo ya 14:</u> Uburenganzira bw'uwatijwe ubutaka bw'igishanga kidakomye</p> <p><u>Ingingo ya 15:</u> Ikurikirana ry'ishyirwa mu bikorwa ry'umushinga</p> <p><u>Ingingo ya 16:</u> Amafaranga y'intizo</p>	<p>unprotected swamplands</p> <p><u>Article 7:</u> Concession of unprotected swamplands</p> <p><u>Article 8:</u> Criteria for concession of an unprotected swampland</p> <p><u>Article 9:</u> Requirements for concession of unprotected swampland</p> <p><u>Article 10:</u> Duration of concession of unprotected swampland</p> <p><u>Article 11:</u> Registration of concession of unprotected swampland</p> <p><u>Article 12:</u> Validity of certificate of registration of concession</p> <p><u>Article 13:</u> Obligations of the concessionaire of unprotected swampland</p> <p><u>Article 14:</u> Rights of the concessionaire of unprotected swampland</p> <p><u>Article 15:</u> Monitoring of the project implementation</p> <p><u>Article 16:</u> Concession fees</p>	<p>marais non protégés</p> <p><u>Article 7 :</u> Concession des terres de marais non protégés</p> <p><u>Article 8 :</u> Critères de concession d'une terre de marais non protégé</p> <p><u>Article 9 :</u> Conditions pour la concession d'une terre de marais non protégé</p> <p><u>Article 10 :</u> Durée de la concession d'une terre de marais non protégé</p> <p><u>Article 11 :</u> Enregistrement de la concession d'une terre de marais non protégé</p> <p><u>Article 12 :</u> Validité du certificat d'enregistrement de la concession</p> <p><u>Article 13 :</u> Obligations du concessionnaire d'une terre de marais non protégé</p> <p><u>Article 14 :</u> Droits du concessionnaire d'une terre de marais non protégé</p> <p><u>Article 15 :</u> Suivi de l'exécution du projet</p> <p><u>Article 16 :</u> Redevances de la concession</p>
---	--	---

<p><u>Ingingo ya 17:</u> Konti ishyirwaho amafaranga y'intizo</p> <p><u>Ingingo ya 18:</u> Iseswa ry'amasezerano y'intizo y'ubutaka bw'igishanga kidakomye</p> <p><u>UMUTWE WA III:</u> IMICUNGIRE Y'UBUTAKA BW'IBISHANGA BIKOMYE</p> <p><u>Ingingo ya 19:</u> Ibikorwa byemerewe gukorerwa ku butaka bw'ibishanga bikomye</p> <p><u>Ingingo ya 20:</u> Ubusabe bw'uruhushya</p> <p><u>Ingingo ya 21:</u> Ibisabwa mu gukorera ibikorwa ku butaka bw'ibishanga bikomye</p> <p><u>UMUTWE WA IV:</u> GUHINDURA IMITERERE Y'UBUTAKA BW'IGISHANGA NO GUKOSORA IMBIBI</p> <p><u>Ingingo ya 22:</u> Guhindura imiterere y'ubutaka bw'igishanga</p> <p><u>Ingingo ya 23:</u> Gukosora imbibi</p>	<p><u>Article 17:</u> Deposit account of concession fees</p> <p><u>Article 18:</u> Termination of the concession agreement of the unprotected swampland</p> <p><u>CHAPTER III:</u> MANAGEMENT OF PROTECTED SWAMPLANDS</p> <p><u>Article 19:</u> Activities authorised on protected swamplands</p> <p><u>Article 20:</u> Application for authorisation</p> <p><u>Article 21:</u> Requirements for carrying out activities on protected swamplands</p> <p><u>CHAPTER IV:</u> CHANGE OF CLASSIFICATION OF A SWAMPLAND AND RECTIFICATION OF BOUNDARIES</p> <p><u>Article 22:</u> Change of classification of a swampland</p> <p><u>Article 23:</u> Rectification of boundaries</p>	<p><u>Article 17 :</u> Compte de dépôt des redevances de concession</p> <p><u>Article 18 :</u> Résiliation du contrat de concession d'une terre de marais non protégé</p> <p><u>CHAPITRE III :</u> GESTION DES TERRES DE MARAIS PROTÉGÉS</p> <p><u>Article 19 :</u> Activités autorisées sur les terres de marais protégés</p> <p><u>Article 20 :</u> Demande d'autorisation</p> <p><u>Article 21 :</u> Exigences pour l'exercice d'activités sur les terres de marais protégés</p> <p><u>CHAPITRE IV :</u> CHANGEMENT DE CLASSIFICATION D'UNE TERRE DE MARAIS ET RECTIFICATION DES LIMITES</p> <p><u>Article 22 :</u> Changement de classification d'une terre de marais</p> <p><u>Article 23 :</u> Rectification des limites</p>
--	---	---

UMUTWE WA V: INGINGO ZINYURANYE, IZ'INZIBACYUHO N'IZISOZA	CHAPTER V: MISCELLANEOUS, TRANSITIONAL AND FINAL PROVISIONS	CHAPITRE V : DISPOSITIONS DIVERSES, TRANSITOIRES ET FINALES
<u>Ingingo ya 24:</u> Ibikorwa bisanzweho bidahuye n'icyo ubutaka bw'igishanga bwagenewe gukoreshwa	<u>Article 24:</u> Existing activities not conforming to the designated use of a swampland	<u>Article 24 :</u> Activités existantes non conformes à l'utilisation prescrite d'une terre de marais
<u>Ingingo ya 25:</u> Igihe cyo gusaba intizo ku basanzwe bakoresha ubutaka bw'ibishanga bidakomye	<u>Article 25:</u> Time to apply for concession to existing unprotected swampland users	<u>Article 25 :</u> Délai de demande de concession pour les utilisateurs existants des terres de marais non protégés
<u>Ingingo ya 26:</u> Abayobozi bashinzwe gushyira mu bikorwa iri teka	<u>Article 26:</u> Authorities responsible for the implementation of this Order	<u>Article 26 :</u> Autorités chargées de l'exécution du présent arrêté
<u>Ingingo ya 27:</u> Ingingo y'ururimi	<u>Article 27:</u> Language provision	<u>Article 27 :</u> Disposition linguistique
<u>Ingingo ya 28:</u> Gutangira gukurikizwa	<u>Article 28:</u> Entry into force	<u>Article 28 :</u> Entrée en vigueur

<p>ITEKA RYA MINISITIRI W'INTEBE N° 001/03 RYO KU WA 30/01/2024 RYEREKEYE UBUTAKA BW'IBISHANGA</p> <p>Minisitiri w'Intebe;</p> <p>Ashingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y' u Rwanda;</p> <p>Ashingiye ku Itegeko n° 27/2021 ryo ku wa 10/06/2021 rigenga ubutaka, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 33;</p> <p>Inama y'Abaminisitiri yateranye ku wa 13/07/2023 imaze kubisuzuma no kubyemeza;</p> <p>ATEGETSE:</p> <p><u>UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE</u></p> <p><u>Ingingo ya mbere: Icyo iri teka rigamije</u></p> <p>Iri teka rishyiraho urutonde rw'ubutaka bw'ibishanga bikomye n'ibidakomye, imiterere yabwo n'aho buherereye. Rigena kandi uburyo bukoreshwa, bucungwa kandi butezwa imbere.</p>	<p>PRIME MINISTER'S ORDER N° 001/03 OF 30/01/2024 RELATING TO SWAMPLANDS</p> <p>The Prime Minister;</p> <p>Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda;</p> <p>Pursuant to Law n° 27/2021 of 10/06/2021 governing land, especially in Article 33;</p> <p>After consideration and approval by the Cabinet, in its meeting of 13/07/2023;</p> <p>ORDERS:</p> <p><u>CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS</u></p> <p><u>Article One: Purpose of this Order</u></p> <p>This Order establishes a list of protected and unprotected swamplands, their classification and location. It also sets up modalities of their use, management and development.</p>	<p>ARRÊTÉ DU PREMIER MINISTRE N° 001/03 DU 30/01/2024 RELATIF AUX TERRES DE MARAIS</p> <p>Le Premier Ministre ;</p> <p>Vu la Constitution de la République du Rwanda ;</p> <p>Vu la Loi n° 27/2021 du 10/06/2021 portant régime foncier, spécialement en son article 33 ;</p> <p>Après examen et adoption par le Conseil des Ministres, en sa séance du 13/07/2023 ;</p> <p>ARRÊTE :</p> <p><u>CHAPITRE PREMIER : DISPOSITIONS GÉNÉRALES</u></p> <p><u>Article premier : Objet du présent arrêté</u></p> <p>Le présent arrêté établit la liste des terres de marais protégés et non protégés, leur classification et leur localisation. Il fixe également les modalités de leur utilisation, de leur gestion et de leur développement.</p>
--	---	---

<u>Ingingo ya 2: Isobanura</u>	<u>Article 2: Interpretation</u>	<u>Article 2 : Interprétation</u>
<p>Muri iri teka:</p> <p>(a) « gutiza ubutaka bw’igishanga » bivuga gutanga uburenganzira bwo gukoresha ubutaka bw’igishanga kidakomye mu gihe kizwi ariko uburenganzira bukagarukira gusa ku kubukoreraho ibikorwa byemeranyijweho;</p> <p>(b) « Minisiteri » bivuga Minisiteri ifite ubutaka mu nshingano;</p> <p>(c) « Minisitiri » bivuga Minisitiri ufite ubutaka mu nshingano;</p> <p>(d) « ubutaka bw’igishanga » bivuga ahantu harambuye hagati y’imisozi, harimo amazi n’urusobe rw’ibinyabuzima, hagaragazwa n’imbibi zigenwa hakurikijwe ibiteganywa n’iri teka;</p> <p>(e) « ubutaka bw’igishanga gikomye » bivuga ubutaka bw’igishanga bugifite umwimerere karemano budakorerwamo indi mirimo, uretse ijyanye n’ubushakashatsi cyangwa ubumenyi;</p>	<p>In this Order:</p> <p>(a) “concession of a swampland” means to give an authorisation to use unprotected swampland for a fixed period of time but the authorisation is only limited to carrying out the agreed activities;</p> <p>(b) “Ministry” means the Ministry in charge of land;</p> <p>(c) “Minister” means the Minister in charge of land;</p> <p>(d) “swampland” means plain area between hills or mountains with water and biodiversity, identified by boundaries determined in accordance with the provisions of this Order;</p> <p>(e) “protected swampland” means a swampland that has kept its natural state, on which it is prohibited to carry out any other activity, except that related to research or science;</p>	<p>Dans le présent arrêté :</p> <p>(a) « concession d’une terre de marais » signifie donner une autorisation d’utiliser une terre de marais non protégé pendant une période déterminée mais l’autorisation se limite uniquement à y exercer les activités convenues ;</p> <p>(b) « Ministère » signifie le Ministère ayant les terres dans ses attributions;</p> <p>(c) « Ministre » signifie le Ministre ayant les terres dans ses attributions ;</p> <p>(d) « terre de marais » signifie une surface plane entre les collines ou les montagnes caractérisée par une accumulation des eaux et une biodiversité, identifiée par les limites déterminées conformément aux dispositions du présent arrêté ;</p> <p>(e) « terre de marais protégé » signifie une terre de marais qui a gardé son état naturel, sur laquelle il est interdit d’exercer toute autre activité, à l’exception de celle liée à la recherche ou à la science ;</p>

<p>(f) « ubutaka bw'igishanga kidakomye » bivuga ubutaka bw'igishanga bushobora kugira imirimo ikorerwamo bitangiwe uburenganzira na Minisiteri;</p> <p>(g) « urwego rubifitiye ububasha » bivuga urwego rufite mu nshingano ibikorwa bikorerwa ku butaka bw'igishanga kidakomye.</p> <p><u>Ingingo ya 3:</u> Urutonde rw'ubutaka bw'ibishanga, imiterere yabwo, aho buherereye n'iyandikwa ryabwo</p> <p>(1) Urutonde rw'ubutaka bw'ibishanga, imiterere yabwo n'aho buherereye biri ku mugereka w'iri teka.</p> <p>(2) Ubutaka bw'ibishanga n'imbibi zabwo byandikwa muri rejisitiri y'ubutaka.</p> <p><u>Ingingo ya 4:</u> Urwego rushinzwe gucunga ubutaka bw'ibishanga</p> <p>Minisiteri ishinzwe imicungire y'ubutaka bw'ibishanga bikomye n'ibidakomye kandi igena imikoreshereze ya buri butaka bw'igishanga.</p>	<p>(f) “unprotected swampland” means swampland on which some activities are carried out on authorisation by the Ministry;</p> <p>(g) “competent authority” means authority in charge of activities carried out on unprotected swampland.</p> <p><u>Article 3:</u> List of swamplands, their classification, location and registration</p> <p>(1) The list of swamplands, their classification and location are in Annex of this Order.</p> <p>(2) Swamplands and their boundaries are recorded in the land register.</p> <p><u>Article 4:</u> Authority in charge of management of swamplands</p> <p>The Ministry is responsible for the management of both protected and unprotected swamplands and determines the use of each swampland.</p>	<p>(f) « terre de marais non protégé » signifie la terre de marais sur laquelle quelques activités sont exercées sur autorisation du Ministère ;</p> <p>(g) « autorité compétente » signifie l'autorité ayant les activités menées sur la terre de marais non protégé dans ses attributions.</p> <p><u>Article 3 :</u> Liste des terres de marais, leur classification, leur localisation et leur enregistrement</p> <p>(1) La liste des terres de marais, leur classification et leur localisation sont en annexe du présent arrêté.</p> <p>(2) Les terres des marais et leurs limites sont enregistrées au registre foncier.</p> <p><u>Article 4 :</u> Autorité chargée de la gestion des terres de marais</p> <p>Le Ministère est chargé de la gestion des terres de marais protégés et des terres de marais non protégés et détermine l'utilisation de chaque terre de marais.</p>
---	--	--

<p>UMUTWE WA II: IMICUNGIRE Y'UBUTAKA BW'IBISHANGA BIDAKOMYE</p>	<p>CHAPTER II: MANAGEMENT OF UNPROTECTED SWAMPLANDS</p>	<p>CHAPITRE II : GESTION DES TERRES DE MARAIS NON PROTÉGÉS</p>
<p><u>Ingingo ya 5:</u> Ibikorwa byemewe gukorerwa ku butaka bw'ibishanga bidakomye</p>	<p><u>Article 5:</u> Authorised activities to be carried out on unprotected swamplands</p>	<p><u>Article 5 :</u> Activités autorisées à être développées sur les terres de marais non protégés</p>
<p>(1) Ibikorwa byemewe gukorerwa ku butaka bw'ibishanga bidakomye ni ibi bikurikira:</p> <p>(a) ubuhinzi;</p> <p>(b) ubworozi bw'amafi;</p> <p>(c) imyidagaduro;</p> <p>(d) guteza imbere ubukerarugendo;</p> <p>(e) ubucukuzi bwa kariyeri;</p> <p>(f) ubushakashatsi;</p> <p>(g) imishinga igamije kubyara ingufu;</p> <p>(h) ikindi gikorwa cyakwemezwa na Minisiteri ifite imicungire y'ubutaka bw'ibishanga bidakomye mu nshingano.</p>	<p>(1) Authorised activities to be carried out on unprotected swamplands are the following:</p> <p>(a) agriculture;</p> <p>(b) fish farming;</p> <p>(c) recreation;</p> <p>(d) tourism development;</p> <p>(e) quarrying;</p> <p>(f) research;</p> <p>(g) energy generation projects;</p> <p>(h) any other activity that may be approved by the Ministry in charge of unprotected swampland management.</p>	<p>(1) Les activités autorisées à être développées sur les terres de marais non protégés sont les suivantes :</p> <p>(a) l'agriculture ;</p> <p>(b) l'élevage de poissons ;</p> <p>(c) la récréation ;</p> <p>(d) le développement du tourisme ;</p> <p>(e) l'exploitation de carrières ;</p> <p>(f) la recherche ;</p> <p>(g) les projets générateurs d'énergie ;</p> <p>(h) toute autre activité pouvant être approuvée par le Ministère ayant la gestion des terres de marais non protégés dans ses attributions.</p>

<p>(2) Ibikorwa remezo bikenewe kugira ngo ibikorwa bivugwa mu gika cya (1) cy'iyi ngingo bitange umusaruro, byubakwa hifashishijwe ibikoresho bitabangamira ibidukikije.</p> <p>(3) Kubaka ibikorwa remezo bivugwa mu gika cya (2) cy'iyi ngingo bigomba kubanza gukorerwa isuzumangaruka ku bidukikije no kwemezwa n'urwego rw'Igihugu rufite kurengera ibidukikije mu nshingano.</p>	<p>(2) Infrastructure necessary for carrying out activities referred to in Paragraph (1) of this Article, are constructed using materials that are environment friendly.</p> <p>(3) The construction of infrastructure referred to in Paragraph (2) of this Article is subject to prior environmental impact assessment and approval by the national organ in charge of environment protection.</p>	<p>(2) Les infrastructures nécessaires pour réaliser les activités visées au paragraphe (1) du présent article sont construites à l'aide de matériaux qui ne portent pas atteinte à l'environnement.</p> <p>(3) La construction des infrastructures visées au paragraphe (2) du présent article préalable est soumise à une évaluation de l'impact environnemental et à l'approbation de l'organe national ayant la protection de l'environnement dans ses attributions.</p>
<p><u>Ingingo ya 6: Gahunda yo kubyaza umusaruro ubutaka bw'ibishanga bidakomye</u></p> <p>(1) Urwego rubifitiye ububasha rutegura gahunda y'uko ubutaka bw'igishanga kidakomye bubyazwa umusaruro hakurikijwe icyo bwagenewe gukoreshwa.</p> <p>(2) icyakora, Minisiteri ishobora guhindura icyo ubutaka bw'igishanga kidakomye bwagenewe gukoreshwa mu gihe umushinga ugamije inyungu rusange.</p>	<p><u>Article 6: Plan of exploitation of unprotected swamplands</u></p> <p>(1) The competent authority plans for exploitation of an unprotected swampland in accordance with its designated use.</p> <p>(2) However, the Ministry may change the designated use of unprotected swampland in case the project is in public interest.</p>	<p><u>Article 6 : Plan d'exploitation des terres de marais non protégés</u></p> <p>(1) L'autorité compétente planifie l'exploitation d'une terre de marais non protégé conformément à son utilisation prévue.</p> <p>(2) Toutefois, le Ministère peut changer l'utilisation prévue d'une terre de marais non protégé, lorsque le projet est d'intérêt public.</p>

<p><u>Ingingo ya 7: Gutiza ubutaka bw'ibishanga bidakomye</u></p> <p>(1) Minisiteri ishobora gutiza umuntu cyangwa urwego rwa Leta ubutaka bw'igishanga kidakomye.</p> <p>(2) Gutiza ubutaka bw'igishanga kidakomye bikorwa mu buryo bw'amasezerano akorwa hagati ya Minisiteri n'uwashyamba gukoresha ubwo butaka bw'igishanga hashingiwe ku nyigo y'umushinga yemejwe n'urwego rubifitiye ububasha no ku kamaro n'agaciro by'ishoramari.</p>	<p><u>Article 7: Concession of unprotected swamplands</u></p> <p>(1) The Ministry may concede unprotected swampland to a person or a State organ.</p> <p>(2) The concession of unprotected swampland is concluded through an agreement between the Ministry and the person wishing to exploit the swampland based on the business plan approved by the competent authority and on the importance and value of the investment.</p>	<p><u>Article 7 : Concession des terres de marais non protégés</u></p> <p>(1) Le Ministère peut concéder une terre de marais non protégé à une personne ou à un organe de l'État.</p> <p>(2) La concession d'une terre de marais non protégé est conclue sous forme d'un contrat entre le Ministère et la personne souhaitant exploiter cette terre de marais sur base du plan d'affaires approuvé par l'autorité compétente, sur l'importance et sur la valeur de l'investissement.</p>
<p><u>Ingingo ya 8: Ibigenderwaho mu gutiza ubutaka bw'igishanga kidakomye</u></p> <p>Gutiza ubutaka bw'igishanga kidakomye bikorwa hashingiwe ku bushobozi bwo kukibyaza umusaruro, kugifata neza no kukibungabunga, hitawe kuri ibi bikurikira:</p> <p>(a) inyungu z'abantu basanzwe bakoresha ubwo butaka bw'igishanga cyangwa bagituriye mu gihe bujuje ibisabwa;</p> <p>(b) inyungu umushinga uzazanira abantu batuye aho ubutaka bw'igishanga</p>	<p><u>Article 8: Criteria for concession of an unprotected swampland</u></p> <p>The concession of an unprotected swampland is done based on the capability to exploit, maintain and conserve it, taking into account the following:</p> <p>(a) benefits for the people who ordinarily use the swampland or who reside in its vicinity, if they meet the requirements;</p> <p>(b) benefits the project will bring to the people who reside where the</p>	<p><u>Article 8 : Critères de concession d'une terre de marais non protégé</u></p> <p>La concession d'une terre de marais non protégé se fait sur base de la capacité de l'exploiter, de l'entretenir et de la conserver, en tenant compte de ce qui suit :</p> <p>(a) les bénéfices pour les personnes qui utilisent ordinairement cette terre de marais ou qui résident à ses environs, lorsqu'elles répondent aux exigences ;</p> <p>(b) les bénéfices que le projet apportera aux personnes qui résident là où se</p>

<p>kidakomye buherereye n'Igihugu muri rusange.</p> <p><u>Ingingo ya 9: Ibisabwa mu gutiza ubutaka bw'igishanga kidakomye</u></p> <p>Haseguriwe ibiteganywa n'ingingo ya 8 y'iri teka, umuntu usaba gutizwa ubutaka bw'igishanga kidakomye ashyikiriza Minisiteri inyandiko zikurikira:</p> <p>(a) ibaruwa isaba gutizwa ubutaka bw'igishanga kidakomye;</p> <p>(b) ifishi y'ibipimo ndangahantu n'ubuso bw'igice cy'ubutaka bw'igishanga ashaka gukoreramo;</p> <p>(c) inyigo igaragaza ko umushinga utabangamiye ibidukikije, yemejwe hakurikijwe amategeko abigenga;</p> <p>(d) inyigo y'umushinga yemejwe n'urwego rubifitiye ububasha;</p> <p>(e) ibaruwa ishyigikira ubusabe bwe itangwa n'Akarere cyangwa Umujyi wa Kigali by'aho ubutaka buherereye.</p>	<p>unprotected swampland is located and to the country in general.</p> <p><u>Article 9: Requirements for concession of unprotected swampland</u></p> <p>Subject to provisions of Article 8 of this Order, a person who applies for a concession of unprotected swampland submits to the Ministry the following documents:</p> <p>(a) a letter requesting concession of the unprotected swampland;</p> <p>(b) a cadastral plan and the surface area of the portion of the swampland to be used;</p> <p>(c) a study showing that the project is environment friendly, approved in accordance with relevant laws;</p> <p>(d) a project study approved by the competent authority;</p> <p>(e) a letter supporting his or her request issued by the District or the City of Kigali where the land is located.</p>	<p>trouve la terre de marais non protégé et au pays en général.</p> <p><u>Article 9 : Conditions pour la concession d'une terre de marais non protégé</u></p> <p>Sous réserve des dispositions de l'article 8 du présent arrêté, une personne qui demande la concession d'une terre de marais non protégé soumet au Ministère les documents suivants :</p> <p>(a) la lettre de demande de la concession d'une terre de marais non protégé ;</p> <p>(b) le plan cadastral et la surface d'une portion des terres de marais à utiliser ;</p> <p>(c) l'étude qui indique que le projet ne porte pas atteinte à l'environnement, approuvée conformément à la législation en la matière ;</p> <p>(d) l'étude du projet approuvée par l'autorité compétente ;</p> <p>(e) la lettre à l'appui de la demande délivrée par le District ou par la Ville de Kigali où les terres se situent.</p>
---	---	--

<p><u>Ingingo ya 10: Igihe gutizwa ubutaka bw'igishanga kidakomye bimara</u></p> <p>(1) Igihe cyo gutiza ubutaka bw'igishanga kidakomye giterwa n'imiterere y'umushinga n'imikoreshereze yabwo, kandi ntigishobora kurenza imyaka 30.</p> <p>(2) Igihe kivugwa mu gika cya (1) cy'iyi ngingo gishobora kongerwa byumvikanyweho na Minisiteri n'uwatijwe hashingiwe ku miterere y'umushinga no ku buryo uwatijwe ubwo butaka yabubonye umusaruro.</p>	<p><u>Article 10: Duration of concession of unprotected swampland</u></p> <p>(1) The duration of concession of unprotected swampland depends on the nature of the project and the land use, and it cannot exceed 30 years.</p> <p>(2) The duration referred to in Paragraph (1) of this Article may be extended upon consent between the Ministry and the concessionaire depending on the nature of the project and how the concessionaire has exploited the land.</p>	<p><u>Article 10 : Durée de la concession d'une terre de marais non protégé</u></p> <p>(1) La durée de la concession d'une terre de marais non protégé dépend de la nature du projet et de l'utilisation de cette terre, et elle ne peut pas excéder 30 ans.</p> <p>(2) La durée visée au paragraphe (1) du présent article peut être prolongée d'un commun accord entre le Ministère et le concessionnaire en fonction de la nature du projet et la façon dont le concessionnaire a exploité cette terre.</p>
<p><u>Ingingo ya 11: Kwandikisha intizo y'ubutaka bw'igishanga kidakomye</u></p> <p>(1) Uwagiranye na Minisiteri amazezerano y'intizo y'ubutaka bw'igishanga kidakomye yandikisha uburenganzira yahawe bwo gukoresha ubwo butaka ku Mubitsi w'Inyandikompamo z'Ubutaka.</p> <p>(2) Umubitsi w'Inyandikompamo z'Ubutaka iyo amaze kwandikisha uburenganzira buvugwa mu gika cya (1) cy'iyi ngingo, aha uwatijwe ubutaka bw'igishanga kidakomye icyemezo cy'iyandikisha ry'intizo</p>	<p><u>Article 11: Registration of concession of unprotected swampland</u></p> <p>(1) A party who signed a concession of unprotected swampland with the Ministry, registers the rights of usage of the unprotected swampland at the Registrar of Land Titles.</p> <p>(2) After registration of the rights referred to in Paragraph (1) of this Article, the Registrar of Land Titles issues to the concessionaire the registration certificate of concession of the land.</p>	<p><u>Article 11 : Enregistrement de la concession d'une terre de marais non protégé</u></p> <p>(1) Une partie qui a signé la concession d'une terre de marais non protégé avec le Ministère, fait enregistrer les droits d'usage de cette terre au Conservateur des Titres Fonciers.</p> <p>(2) Après l'enregistrement de droits visés au paragraphe (1) du présent article, le Conservateur des Titres Fonciers délivre au concessionnaire le certificat d'enregistrement de la concession de cette terre.</p>

<p>y'ubwo butaka.</p> <p><u>Ingingo ya 12:</u> Agaciro k'icyemezo cyo kwandikisha intizo</p> <p>(1) icyemezo cyo kwandikisha intizo y'ubutaka bw'igishanga kidakomye ni ikimenyetso ntashidikanywaho cyerekana uburenganzira umuntu afite kuri ubwo butaka bw'igishanga kidakomye.</p> <p>(2) icyakora, Umubitsi Mukuru w'Inyandikompamo z'ubutaka ashobora gutesha agaciro icyemezo cyo kwandikisha intizo y'ubutaka bw'igishanga kidakomye hakurikijwe ibiteganywa n'amategeko abigenga.</p>	<p><u>Article 12:</u> Validity of certificate of registration of concession</p> <p>(1) The certificate of registration of concession of unprotected swampland is conclusive evidence of the rights of the concessionaire on the unprotected swampland.</p> <p>(2) However, the Chief Registrar of Land Titles may cancel the certificate of registration of concession of unprotected swampland in accordance with relevant laws.</p>	<p><u>Article 12 :</u> Validité du certificat d'enregistrement de la concession</p> <p>(1) Le certificat d'enregistrement de la concession d'une terre de marais non protégé fait pleine foi des droits fonciers sur cette terre de marais non protégé.</p> <p>(2) Toutefois, le Conservateur en Chef des Titres Fonciers peut annuler le certificat d'enregistrement de la concession d'une terre de marais non protégé conformément à la législation en la matière.</p>
<p><u>Ingingo ya 13:</u> Inshingano z'uwatijwe ubutaka bw'igishanga kidakomye</p> <p>(1) Uwatijwe ubutaka bw'igishanga kidakomye afite inshingano zikurikira:</p> <p>(a) gutangira gushyira mu bikorwa umushinga mu gihe kitarenze amezi atandatu kuva amasezerano y'intizo ashyizweho umukono cyangwa mu kindi gihe</p>	<p><u>Article 13:</u> Obligations of the concessionaire of unprotected swampland</p> <p>(1) The concessionaire of unprotected swampland has the following obligations:</p> <p>(a) to start project implementation within six months from the signing of the concession or at any other time as may be agreed upon with the Ministry in the</p>	<p><u>Article 13 :</u> Obligations du concessionnaire d'une terre de marais non protégé</p> <p>(1) Le concessionnaire d'une terre de marais non protégé a les obligations suivantes :</p> <p>(a) commencer l'exécution du projet endéans six mois à compter de la date de signature de la concession ou dans une autre période convenue avec le Ministère dans la concession ;</p>

<p>yumvikanyeho na Minisiteri mu ntizo;</p> <p>(b) kudahindura umushinga yari yaragaragaje atabiherewe uburenganzira na Minisiteri;</p> <p>(c) kubyaza umusaruro ubutaka bw'igishanga kidakomye yatijwe;</p> <p>(d) gufata neza no kubungabunga ubutaka bw'igishanga kidakomye yatijwe;</p> <p>(e) kudakorera ku butaka bw'igishanga kidakomye yatijwe ibikorwa byabwangiza;</p> <p>(f) kwishyura amafaranga yo gutizwa ubutaka bw'igishanga kidakomye buri mwaka;</p> <p>(g) kumenyesha Minisiteri cyangwa izindi nzego bireba ikibazo cyose cyagira ingaruka mbi ku butaka bw'igishanga kidakomye bwatijwe;</p>	<p>concession;</p> <p>(b) not to modify the project he or she had submitted without the authorisation of the Ministry;</p> <p>(c) to exploit the conceded unprotected swampland;</p> <p>(d) to maintain and conserve the conceded unprotected swampland;</p> <p>(e) to avoid carrying out activities that may damage the conceded unprotected swampland;</p> <p>(f) to pay annual concession fees for the conceded unprotected swampland;</p> <p>(g) to notify the Ministry or other relevant organs of any problem that may adversely affect the unprotected swampland;</p>	<p>(b) ne pas modifier le projet qu'il avait soumis sans l'autorisation du Ministère ;</p> <p>(c) exploiter la terre de marais non protégé concédée ;</p> <p>(d) entretenir et conserver la terre de marais non protégé concédée ;</p> <p>(e) ne pas exercer les activités susceptibles d'endommager la terre de marais non protégé concédée ;</p> <p>(f) payer les redevances annuelles de concession pour la terre de marais non protégé concédée ;</p> <p>(g) notifier le Ministère ou les autres organes concernés de tout problème pouvant affecter négativement la terre de marais non protégé concédée ;</p>
---	--	---

<p>(h) kubahiriza imikoreshereze y'umutungo kamere w'amazi ari muri ubwo butaka bw'igishanga;</p> <p>(i) kubahiriza indi nshingano iteganywa n'amasererano y'intizo cyangwa n'amategeko abigenga.</p>	<p>(h) to comply with the use of water resources inside that swampland;</p> <p>(i) to comply with any other obligation provided for by the concession agreement or by relevant laws.</p>	<p>(h) se conformer à l'utilisation des ressources en eau à l'intérieur de cette terre de marais ;</p> <p>(i) se conformer à une autre obligation prévue par le contrat de concession ou par la législation en la matière.</p>
<p><u>Ingingo ya 14: Uburenganzira bw'uwatijwe ubutaka bw'igishanga kidakomye</u></p> <p>(1) Uwatijwe ubutaka bw'igishanga kidakomye abukoresha hakurikijwe amasezerano y'intizo.</p> <p>(2) Uwatijwe ashobora kugirana ubufatanye n'abandi bantu mu kububyaza umusaruro bitangiwe uruhushya na Minisiteri.</p> <p>(3) Uwatijwe ashobora gutanga ingwate ku bikorwa yashyize kuri ubwo butaka hakurikijwe igihe cy'intizo gisigaye.</p> <p>(4) icyakora, uwatijwe ntiyemerewe kugwaturiza, guhererekanya cyangwa gukodesha abandi ubutaka</p>	<p><u>Article 14: Rights of the concessionaire of unprotected swampland</u></p> <p>(1) A concessionaire of unprotected swampland exploits it in accordance with the concession agreement.</p> <p>(2) The concessionaire may partner with other persons for exploitation of the land upon authorisation by the Ministry.</p> <p>(3) The concessionaire may mortgage his or her activities carried out on the land in accordance with the remaining concession period.</p> <p>(4) However, the concessionaire is not allowed to mortgage the conceded unprotected swampland, transfer or</p>	<p><u>Article 14 : Droits du concessionnaire d'une terre de marais non protégé</u></p> <p>(1) Le concessionnaire d'une terre de marais non protégé l'exploite conformément au contrat de concession.</p> <p>(2) Le concessionnaire peut s'associer à d'autres personnes pour l'exploitation de cette terre de marais sur autorisation du Ministère.</p> <p>(3) Le concessionnaire peut hypothéquer ses activités menées sur cette terre conformément à la période de concession restante.</p> <p>(4) Toutefois, le concessionnaire n'est pas permis d'hypothéquer la terre de marais non protégé concédée ni de la</p>

bw'igishanga.	lease it.	transférer ou la louer.
<p><u>Ingingo ya 15: Ikurikirana ry'ishyirwa mu bikorwa ry'umushinga</u></p> <p>Minisiteri n'urwego rubifitiye ububasha rwemeje umushinga ugomba gukorerwa ku butaka bw'igishanga kidakomye bakurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'uwo mushinga hakurikijwe ibiteganywa mu ntizo.</p>	<p><u>Article 15: Monitoring of the project implementation</u></p> <p>The Ministry and the competent authority which approved the project that must be carried out in the unprotected swampland monitor the project implementation in accordance with the terms of the concession.</p>	<p><u>Article 15 : Suivi de l'exécution du projet</u></p> <p>Le Ministère et l'autorité compétente qui a approuvé le projet qui doit être exécuté sur la terre de marais non protégé font le suivi de l'exécution du projet conformément aux termes de la concession.</p>
<p><u>Ingingo ya 16: Amafaranga y'intizo</u></p> <p>(1) Uwatijwe ubutaka bw'igishanga kidakomye yishyura buri mwaka amafaranga y'intizo yumvikanyweho n'impane zagiranye amasezerano hashingiwe ku miterere y'umushinga ukorerwa kuri ubwo butaka, ibikorwa remezo byashyizwemo no ku mikoreshereze yabwo.</p> <p>(2) Amafaranga avugwa mu gika cya (1) cy'iyi ngingo ntashobora kujya muni ya 10.000 FRW kuri hegitare.</p> <p>(3) icyakora, iyo ubutaka bw'igishanga kidakomye butijwe abahinzi bibumbiye muri koperative kandi babuturiye, koperative yishyura buri mwaka 5.000 FRW kuri hegitari.</p>	<p><u>Article 16: Concession fees</u></p> <p>(1) The concessionaire of the unprotected swampland pays an annual concession fee agreed upon by the contracting parties in accordance with the nature of the project to be carried out in that land, the infrastructure put in place and the land use.</p> <p>(2) The fees referred to in Paragraph (1) of this Article cannot be less than FRW 10,000 per hectare.</p> <p>(3) However, when the unprotected swampland is conceded to local farmers' cooperative, the cooperative pays every year FRW 5,000 per hectare.</p>	<p><u>Article 16 : Redevances de la concession</u></p> <p>(1) Le concessionnaire d'une terre de marais non protégé paye les redevances annuelles convenues entre les parties contractantes conformément à la nature du projet exécuté sur cette terre, les infrastructures mises en place et l'utilisation de cette terre.</p> <p>(2) Les redevances visées au paragraphe (1) du présent article ne peuvent pas être inférieures à 10.000 FRW par hectare.</p> <p>(3) Toutefois, lorsque la terre de marais non protégé est concédée à une coopérative agricole locale, celle-ci paie chaque année 5.000 FRW par hectare.</p>

<p><u>Ingingo ya 17:</u> Konti ishyirwaho amafaranga y'intizo</p> <p>Amafaranga y'intizo y'ubutaka bw'igishanga kidakomye yishyurwa kuri konti y'Ikigega cy'Igihugu cy'Ibidukikije.</p> <p><u>Ingingo ya 18:</u> Iseswa ry'amasezerano y'intizo y'ubutaka bw'igishanga kidakomye</p> <p>(1) Amasezerano y'intizo y'ubutaka bw'igishanga kidakomye ashobora guseswa iyo uwatijwe –</p> <p>(a) atubahirije imwe mu nshigano ziteganyijwe mu ngingo ya 13 y'iri teka;</p> <p>(b) atubahirije amasezerano y'intizo;</p> <p>(c) cyangwa agaragaje ko atagikeneye gukomeza gukoresha ubutaka bw'igishanga kidakomye yatijwe.</p> <p>(2) Minisiteri ishobora gusesa amasezerano y'intizo y'ubutaka bw'igishanga kidakomye ibyibwirije, ibanje kumenyesha uwatijwe mu</p>	<p><u>Article 17:</u> Deposit account of concession fees</p> <p>The concession fees for unprotected swampland are deposited on the account of the National Fund for Environment.</p> <p><u>Article 18:</u> Termination of the concession agreement of the unprotected swampland</p> <p>(1) The concession agreement of unprotected swampland may be terminated if the concessionaire –</p> <p>(a) does comply with one of the obligations provided for in Article 13 of this Order;</p> <p>(b) does not comply with the concession agreement; or</p> <p>(c) shows that he or she no longer needs to continue to use the conceded unprotected swampland.</p> <p>(2) The Ministry may terminate the concession agreement of unprotected swampland after notifying the concessionaire in the</p>	<p><u>Article 17 :</u> Compte de dépôt des redevances de concession</p> <p>Les redevances de concession d'une terre de marais non protégé sont déposées sur le compte du Fonds National de l'Environnement.</p> <p><u>Article 18 :</u> Résiliation du contrat de concession d'une terre de marais non protégé</p> <p>(1) Le contrat concession d'une terre de marais non protégé peut être résilié lorsque le concessionnaire –</p> <p>(a) ne se conforme pas à l'une des obligations prévues à l'article 13 du présent arrêté ;</p> <p>(b) ne se conforme pas aux termes du contrat de concession ; ou</p> <p>(c) démontre qu'il n'a plus besoin de continuer à utiliser la terre de marais non protégé concédé.</p> <p>(2) Le Ministère peut résilier le contrat de concession de la terre de marais non protégé après en avoir notifié le concessionnaire dans la manière</p>
---	---	--

